D/0341/2    Cl

UBUYOBOZI BWA SIPORO
MURI MIJESCAFOP

Kigali, kuwa 03/11/1998

Ku Munyamabanga mukuru
muri MIJESCAFOP

Impamvu:
Gusaba amavuta

Bwana Munyamabanga Mukuru,

Icyemezo cyafashwe cyo guha imodoka amavuta angana n'amalitiro 10 ku munsi ni kiza cyane. Ariko mu buyubozi bwa Siporo twabonye ko bidutera ingorane nyinshi biturutse ku mpamvu zikurukira:

1. Imodoka mu buyobozi ni imwe kandi ishaje, ibyo bigatuma ikora imirimo ya Diviziyo zose n'iy'ubuyobozi. Gusaza nabyo bituma inywa « Essence » nyinshi kuko atari « Mazout ».
2. Mu buyobozi hari akazi kenshi gatuma imidoka itaruhuka. Bikubitireho n'imirimo ya Stade ituma dukora n'iminsi y'ibiruhuko.
3. Imodoka yahoraga idufasha yagize impanuka biracyari muri « Assurances ».

Mbona rero ko mwagakwiye kutwongera « Essence » kuko ibyo twavuze hejuru birerekana ko ari ngombwa. Ndunva kandi ayo mavuta atabura kuko hari imodoka zigifata amavuta muri « Finances » kandi zitakigenda.

Nkaba mbasaba niba munyemereye dukomeza gufata amavuta ya RR 0875A yagize « Accident » kuko imirimo yakoreshwaga yeguriwe RR 0630A.

Mbaye mbashimiye.

**RWIGEMA Paterne**

Bimenyeshejwe:
- Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.
- Umuyubozi w'imirimo rusange.